# 157: Mukiz' umpe kumenya

1. Mukiz' umpe kumenya ,Naho kab' agace, K'urukundo rw'igitangaza Rwatumy' udupfira.

Ref: Umenyeshe, Mukiza, Uko wababajwe, Ubw' Uwera wang' ibyaha pe Wishyiragahw ibyanjye.

2. Umenyesh' ibyo, Yesu, Kuko bikomeye, Bikarut'uko byashobora Kumenywa n'umuntu.

3. Mbes' imbereri, Yesu, ni zo zakubambye ? Oya si zo, ni za mbabazi Wangiriy' ubwanjye.

4. Ntangajwe na rwa rupfu Wamfiriye, Yesu, Ko rwashoboye kunshungura Ngo nkire, Mundane,

5. Ni rwo runkiz' ibyaha Bose bambonaho; Si byo byonyine: runkuramlo N'ibinyihishemo,

6. Mukiza, nshenjagura; Men' ibinangiwe! Unyemeze yuk' unesheje : Unyimemo, Mwami.

Visit us at burundi.indirimbo.com